***Kevin Polston***
Umuyobozi mukuru w'Amashami yose

**Ibiro by'umuyobozi mukuru**

**Ishuri rya Kentwood Public Schools**
Umuhanda 5820 Eastern Avenue, S.E.
Kentwood, MI 49508
Telefone igendanwa 616•455•4400

Kanama4, 2021

Babyeyi namwe Banyeshuri:

Murakaza neza mu mwaka w'amashuri wa 2021-22! Nizeye ko iyi baruwa ibagezeho muri kuryoherwa n'ibihe by'impeshyi kandi muri kugirana ibihe byiza n'abanyu. Njyeweho, Nyakanga yambereye ukwezi kw'ibyishimo n'imbaraga, nk'uko natangiye akazi gashya ko kuba umuyobozi mukuru w'ishuri rya Kentwood Public Schools . Nishimiye kugira uruhare mu gice gishya cy'amateka y'ishuri rya Kentwood Public Schools.

Murakoze kunyakirana urugwiro nabonye mu muryango mugari wanyu! Hari ishema ryinshi gukorera mu gace ka Kentwood no mu ishuri rya Kentwood Public Schools. Niteguye gufatanya n'umuryango mugari wacu mu rugamba rwo kuba intashyikirwa. Dufatanyije dushobora guhindura isi binyuze mu guha amahirwe ajyanye n'igihe kandi asobanutse abanyeshuri bacu.

Mvuze ku kunyakirana urugwiro, Kuwa 13 Nyakanga, 2021, abanyeshuri n'abakozi b'ishuri rya Kentwood Public Schools bahaye ikaze Guverineri Gretchen Whitmer mu Ishuri Ryisumbuye rya East Kentwood kugira ngo ashyire umukono ku masezerano adasanzwe yo kongerera ibindi ibikoresho abanyeshuri bacu. Aya mafaranga azadufasha kumenya neza ko buri mwana agenerwa ubufasha bukomeza gutsindagira ubudashyikirwa bwe no kwitabwaho kimwe nk'abandi. Ndagira ngo nongere ntsindagire imvugo y'Ikerekezo, Ubudashyikirwa no Gufatwa kimwe nk'abandi mu Burezi, nta ari akarango gusa k'ishuri rya Kentwood Public Schools. Ahubwo ni igipimo dushaka kugeraho buri munsi kuri buri munyeshuri.

Uyu mwaka, tuzita ku nsanganyamatsiko zikurikira:

- **Ubuzima n'imibereho:** Nk'uko dukomeje guhangana n'iki cyorezo kibasiye isi, tugomba guhora mu bambere mu gusigasira ubuzima bw'abanyeshuri bacu, imiryango yabo, ndetse n'abakozi bacu. Nta muntu urwanya icyorezo wenyine; tuzatsinda iki cyorezo dufatanyije nk'umuryango mugari. Turagusaba kureba umugereka w'Ibibazo Bikunze Kubazwa*(F.A.Q.) kugira ngo ubone andi makuru kuri gahunda yacu yo gukumira KoronaVirusi*. Umutekano w'abanyeshuri bacu, abakozi, ndetse n'umuryango mugari uguma ariwo dushyira imbere.
- **Twiyemeje gukomeza kwiga kandi dushingiye ku makuru:** Turashaka abanyeshuri biga bashyizeho umuhate kandi bagira umusaruro ufatika. Ikindi kandi, tugomba kuba bandebereho muri ibi nk'umuryango, binyuze mu myigiye ihamye kandi ishingiye ku gukusanya amakuru iduhamiriza ko koko turi kubaho ubuzima bw'imikorere yacu muri byose dukora.
- **Ubudashyikirwa no kwita ku bana bose mu buryo bungana:** Ishuri Kentwood Public Schools ryiyemeje kurangwa no kuba indashyikirwa no kwita ku bana bose mu buryo bungana mu byo dukora byose. Guhera ku ndangagaciro ziduhuza ukageza ku buryo dukoresha umusoro w'umusoreshwa ukageza ku buryo dufatamo buri mwana mu karere, ubudashyikirwa no gufata buri mwana mu buryo bungana ni "indangagaciro tubamo" ku ishuri rya Kentwood Public Schools

Twishimiye guha ikaze abanyeshuri kongera kwigira ku ishuri!  Uyu mwaka ushize twibukijwe akamaro ko kurera umwana ndetse  n'amasano y'ingenzi bigira mu mibereho yábana bacu.  Kwigira ku ishuri n'ubwisanzure butewe n'abanyeshuri bisanzuranaho ndetse n'abarimu babo hamwe n'abakozi bitanga amahitamo meza ku banyeshuri benshi kugira ngo bagere ku myigire ihanitse.

Uzahabwa ikaze númuyobozi w'umwana wawe hamwe n'amatariki y'ingenzi y'umwaka w'amashuri. Nishimiye kuzabona abanyeshuri bacu bose ku munsi wa mbere w'amashuri, Kuwa Mbere, ku wa 23,Kamena.

Tukwibutsa kandi, Niba utararangiza kuzuza ifishi  iri kuri murandasi yo kwandikisha umwana wawe/abana bawe, turagusaba kubikorera kuri uru rubuga
https://www.kentwoodps.org/registration/olr/

Kandi nk'uko bisanzwe, ndagusaba kudashidikanya kuvugana n'ushinzwe imiyoborerere w'ikigo niba ufite ibibazo byihariye waha ikigo.  Ndagusaba kudashidikanya kumvugisha no kuvugisha itsinda ry'ubuyobozi mu karere niba ufite ibibazo bijyanye n'akarere  Twese turi haano kugira ngo duhe serivisi wowe n'umuryango wawe.  Nongeye kugushimira ku nkunga n'ubufasha byawe nk'uko turi kugana mu mwaka w'ibyishimo imbere!

Mbaye mbashimiye,



Kevin Polston

Umuyobozi mukuru

KINYARWANDA